# INTEGUZA





Nº 2

## AMATEGEKO Y’UBUZIMA




## COLLECTION

# INTEGUZA YA KRISTO

AMATEGEKO Y'UBUZIMA :

Amagarnbo yakuwe mu bitabo by'Umwuka w'ubuhanuzi




Copyright. 2008

Deuxieme impression

## IBIRIMO:

Page:

1. INTERURO………………………………………… 5
2. KWIRINDA NI ITEGEKO RY'IMANA………. 8
3. AMATEGEKO MU MYAMBARIRE……… 10
   - Isuku…………………………………… 10
   - Imyambarire…………………………… 12
   - Ikizira mu maso y'Uwiteka………… 16
   - Igihe cya Mini, Imisatsi n'uruhu……. 21
4. AMATEGEKO MU MIRIRE 30
   - Inyama si ibyo kurya byacu……………………32
   - Amafi……………………………………………...38
   - Icyayi n'ikawa
5. AMABWIRIZA KU BAYOBOZI N' ABABWIRIZABUTUMWA……………………………42
6. UMUBURO…………………………………………44

***« Nimusange amategeko y 'Imana n'ibiyihamya ... », «... kuko guhamya kwa Yesu ari umwuka w'ubuhanuzi.» Yesaya 8:20; Ibyahishuwe 19 :10.***

## 1. INTERURO: *AMATEGEKO Y'UBUZIMA*

*"Bene Data ndabinginga kubw 'imbabazi z'Imana ngo mutange imibiri yanyu ibe ibitambo bizima byera bishimwa n 'Imana niko kuyikorera kwanyu gukwiriye. Kandi ntimwishushanye n 'ab 'iki gihe, ahubwo muhinduke rwose."* ***Abaroma 12 :1,2.***

«Mu murimo wacu, iby'ubugorozi bw'ibyumuze muke bikwiriye kwitonderwa cyane. Umurimo wose ushaka ubugorozi ukeneye kwihana, kwizera no kumvira. Bisobanura ko ari ugutunganya umutima ukagira imibereho mishya kandi irushijeho kuba myiza, Uko niko ubugorozi bwose bufite umwanya mu murimo w'ubutumwa bwa Marayika wa gatatu. Cyane cyane ubugorozi bw'umuze muke bushaka ko twitonda kandi tugakomera. » ***Inama zigirwa itorero, vol.Il pp.183,184.***

« Ku munsi wa 10 w'Ukuboza 1871, nongeye kwerekwa yuko kongera gutunganya iby'umuze muke ari umugabane umwe w'umurimo ukomeye wo gutunganyiriza abantu kuza k'umwami. Amagara mazima ni insanga n'ingoyi y'ubutumwa bwa Marayika wa gatatu nk'uko ukuboko n'umubiri bimeze. Umuntu yitaye ku mategeko icumi bya nikize, ariko Uwiteka ntiyahereyeko aza guhana abacumura amategeko atabanje kubaha ubutumwa bw'imbuzi.»

« Abagabo n' abagore ntibakwica amategeko ya kamere bayicishije kwishimira irari ribi no kwi fuza kubi ngo babure kwica amategeko y'Imana. Nicyo cyatumye yemera ko umucyo w'ibyerekeye umuze muke uturasira kugira ngo tubashe kureba icyaha cyacu icyo ari cyo, n'igihe twishe amategeko yashyize mu bugingo bwacu. Umunezero wacu wose cyangwa umubabaro

bishobora kubonerwa mu kumvira cyangwa mu gucumura ku amategeko ya kamere .»

« Data wa twese w'umugiraneza wo mw'ijuru areba imimerere iteye agahinda y' abantu bafite imibereho yo kwica amategeko yashyizweho . Bamwe bayica bayazi, ariko abenshi bakayica batayazi. Yamamaje amategeko yayo mu buryo bwumvikana cyane maze ayashyira ahagaragara kugira ngo abe nk'umudugudu wubatse mu mpinga y'umusozi. Abantu bose bashobora kuyasobanukirwa babishatse. Kumvikanisha amategeko ya kamere no guhendahendera abantu kuyumvira, ni umurimo ugendana n'ubutumwa bwa marayika wa gatatu no gutegurira abantu kuza k'Umwami .» ***Inama zigirwa itorero, vol.II.pp.178,.179.***

« Abadivantisiti b' umunsi wa karindwi bafite umurimo ukomeye cyane. Mu myaka isaga mirongo ine ishize (mu 1863), Uwiteka yaduhaye umucyo ukomeye w'iby'ubugorozi bwiby'umuze muke ; ariko se tugendera muri uwo mucyo dute? Mbega ubwinshi bw' abanga kugira imibereho ifatanije n 'inama z'Imana ! Dukwiriye gukuza amajyambare ahwanye n 'umucyo twakiriye. Ni inshingano yacu gusobanukirwa no kubaha gahunda y'ubugorozi bw'iby'umuze muke. Ku byerekeye kwirinda, dukwiriye kuba imbere y' abantu bose ; nyamara muri twe harimo abakrisito bo mw'itorero bigishijwe neza, ndetse n'abagabura b'ubutumwa bwiza, batumvira nk'uko bikwiriye umucyo Imana yabahaye kuri iyi ngingo. Barya uko bishakiye kandi bagakora uko bishakiye. Abigisha n'abayobozi bo mu murimo wacu nibahaguruke bahagarare bashikamye kuri Bibiliya ku byerekeye ubugorozi bw'iby'umuze muke, maze bahamirize abizera bemeye ko turi mu minsi y'imperuka y'iy'isi. Igitandukanya gikwiriye gushyirwa hagati y'abakorera Imana

n'abikorera ku giti cyabo. » ***Inama zigirwa itorero,Vol II.pp.211***

« Abavugabutumwa bakwiriye kuba abantu bigisha amahame yo kubaho neza. Ntaho indwara zitaba kandi akenshi ziterwa no kutita ku mategeko y'ubuzima. Abantu bakeneye kumenya inshingano bafite yo kwita ku buzima bwabo ari bwo ngoro y'Umuremyi kandi ashaka ko babwitaho nk'ibisonga bikiranuka. Bakwiriye kuyoborwa n'ukuri ko mu byanditswe byera kuvuga ngo: muri urusengero rw'Imana ihoraho, nk'uko Imana yabivuze iti : nzatura muri bo ngendere muri bo, nzaba Imana yabo nabo bazaba ubwoko bwanjye. ***II Abakorinto 6 :16.***

« Ikindi gikenewe cyane ni ukwigisha abantu ibyerekeye ubugorozi mu mirire. Ingeso mbi mu mirire no gukoresha ibyo kurya bibangamiye ubuzima nibyo bitera abantu ubugome n'ubutindi bwinshi bimaze kubera isi umuvumo, »***Rengera ubuzima, vol.II. p. 66***

« Ubuzima ni umutungo : nibwo butunzi bukomeye abantu bapfa bakwiriye kugira. Ubukungu, ubumenyi n'ibyubahiro, bishakanwa igiciro gihanitse iyo umuntu afite imbaraga n'ubuzima. Nta na kimwe muri ibyo cyatanga umunezero, ubuzima budahari. Ni icyaha gikomeye kwangiza ubuzima lmana yaduhaye, kuko buri futi ryangiza ubuzima rigatera igihombo, nubwo twaba dufite ubumenyi bw'ikirenga. » ***Inama ku mirire n 'ibyo kurya, p. 21.***

*** *** ***

## 2. KWIRINDA NI ITEGEKO RY'IMANA KUTIRINDA NI ICYAHA

« Kwigisha amahame y' ubuzima bituma abantu bagira intego y'ubugorozi, ni nawo mugambi wo gutuma umubiri, ubwenge n'ibitekerezo bijya mbere. **Mwerekane ko amategeko agenga ibyaremye ari amategeko y'Imana.** »***Rengera ubuzima, vol. I.p. 66.***

« Abifuza isengesho ryo gusengera ubuzima, bakwiriye gusobanukirwa ko kwica itegeko ry'Imana ari icyaha, ryaba itegeko rigenga ibyaremwe cyangwa rimwe mu mategeko icumi. » ***Rengera ubuzima, vol.I.p.110.***

« Ariko abantu benshi bababazwa n'ibyo bakoze bibi ingeso mbi mu mirire, mu minywere, mu myambarire no mu murimo bakora. Iyo indwara ije, abenshi bitotombera Imana. Nyamara Imana siyo iteza umubabaro, ahubwo uterwa no kwirengagiza amategeko agenga ubuzima, » ***Rengera ubuzima, vol.I.p.114***

« Abantu barwana n'irari bakwiriye kwerekwa yuko bica amategeko y'ubuzima babitewe no gusonzera ibidakwiye, baba bubaka urufatiro rwo kunywa ibiyobyawenge. Baramutse bumviye amategeko y' ubuzima nibwo bashobora kubaturwa ku irari ry'ibikoresha umubiri ku buryo bw'indengakamere. Igihe bashaka ko imbaraga z'Imana zibaca ku irari, baba bakwiriye gufatanya n'Imana bakumvira amategeko yayo: amategeko cumi n' amategeko agenga umubiri.» ***Rengera ubuzima, vol.I.p.83.***

« Imana niyo yashyizeho amategeko agenga umubiri nkuko ariyo yashyizeho amategeko icumi (ariyo mategeko

ngengamuco ). Itegeko ry'Imana ryandikishijwe kuri buri gatsi kumva, kuri buri muhore, no ku bwenge bwose Imana yahaye umuntu.

**Gukoresha nabi umubiri wacu ni ukwica iryo tegeko.**

« Isano iri hagati y'umubiri n'iby'iyobokamana ikwiriye kwitabwaho cyane imuhira kimwe no mu mashuri. Abantu bakwiriye kumenya uko umubiri uteye bakamenya n'amategeko awugenga. **Umuntu wica amategeko y'umubiri we yijijisha aba acumuye ku** *Mana*.»***Imigani ya Kristo, vol.II.p. 64.***

« Imibiri yacu ni umutungo wa Kristo yatanzeho ikiguzi, kubw'ibyo rero ntabwo dufite uburenganzira bwo kuyikoresha uko twishakiye. Kumvira amategeko agenga ubuzima ni umurimo umuntu agomba kwitaho.Buri muntu wese muri twe azagira icyo asubiza Imana ku byerekeye ingeso zacu n'ibikorwa byacu.» ***Rengera ubuzima, vol.II.p.17.***

*** *** ***

## 3. AMATEGEKO KU MYAMBARIRE

### *1.ISUKU:*

« Igihe abisirayeri bari bavuye mu buretwa bwo muri Egiputa, bigishwaga ko bagomba kugira isuku mu buryo butajenjetse. Batari bateranira ku musozi Sinayi ngo basomerwe amategeko, abantu bategetswe kwiyuhagira no kumesa imyenda yabo. Nta gifite umwanda cyemererwaga kugera imbere y'Imana.» *Kuva 19:10.* ***Rengera ubuzima, vol.II p.1***

« Mu butayu Abisirayeri bahoraga ahabona, ahari umwuka mwiza; mbese ahantu hatari ibyabahumanya nk'ibiboneka mu mazu. Nyamara ntibaburaga kugira isuku. Nta mwanda cyangwa ibishingwe byari byemerewe kuba aho bacumbitse cyangwa se ahabazengurutse.Uwiteka yaravuze ati :''kuko Uwiteka Imana yawe igendagenda aho muganditse kugira ngo igukize ... nicyo gituma aho muganditse hakwiriye kuba ahera. » *Gutegeka kwa kabiri 23:14.* ***Rengera ubuzima ,vol.II.P.2*** Wabigereranya n'abaturiye za ruhurura zuzuye imyanda cyangwa ahandi hantu habi hanuka, hakikijwe n'imyanda. Ese nta ruhare ubifitemo ? Gira icyo ukora.

« Kugira ngo abadivantiste b'umunsi wa karindwi bezwe kandi bakomeze kuba abera, bakwiriye kugira Umwuka wera mu mitima yabo no mu ngo zabo. Uwiteka yampaye umucyo yuko abisirayeri bo muri iki gihe nibicisha bugufi imbere yayo, kandi bakeza mu rusengero rw' umutima imyanda ihumanya yose, azumva amasengesho yabo.» ***Inama zigirwa itorero, vol.II p.218.***

«Ukuri ntabwo gukoza ikirenge cyako cyiza mu nzira irimo imyanda cyangwa iyanduye. Uwahoraga yitaye ku bana b'isirayeri kugira ngo bagire ingeso y'isuku ntazakundira umwanda w'uburyo bwose ko uba mu ngo z'ubwoko bwe muri iki gihe. Imana yanga umwanda w'uburyo ubwo ari bwo bwose.»

« Imyanda, kwirengagiza imfuruka zo mu nzu, byageza aho umuntu yirengagiza imfuruka z'umutima. Ijuru riraboneye kandi rirera kandi abazanyura mu marembo y'umudugudu w'Imana bakwiriye kugirira mw'isi isuku y'imbere n'iy'inyurna.» ***Inama zigirwa itorero, vol.II p.188.***

Abantu bamwe bagira ingeso mbi idakwiriye abarinda urusengero rw'Imana: aho birirwa iyo mu kazi, bacuruza cyangwa se bagiye mu kazi iyo mu rugendo, babona icyo kurya bagapfa gufatisha intoki zonyine (amatunda, imikati, cyangwa se ubunyobwa ...), bakarya. Ababyeyi nabo bataha, bagasanganirwa n' abana; ngo amugirire neza, akamuramiza icyo ahashye uko cyakabaye kidasukuye! Ku rundi ruhande, bene Data bamwe basabanye bagasangirira ku gacuma bahererekanya umuheha umwe! Mbega uburyo bamwe bahandurira indwara zikomeye zandura nka sida, igituntu n'izindi!

Umwuka mwiza nibwo buzima bwiza. Abantu benshi ntibazirikana akamaro k'umwuka mu buzima bwabo. Imyanya yose y'umubiri igira ikiruhuko cyo kwinjiza ibyo ikeneye, ariko ishinzwe umwuka yo ntiruhuka, keretse twapfuye. Nicyo kintu cya nyuma kibura umuntu agapfa; umuntu yavuga rero ko kubaho k'umuntu ari umwuka. Umwuka mwiza umubiri wacu ukeneye ni uwa Ogisijeni; ariko hari n'umwuka mubi tudakeneye ariwo wa Karibonike. Uwo iyo utugezemo, uzibiranya imbaraga z'umubiri ntukore neza.

Umwuka wa Okisijeni tuwuhabwa n'ibimera ku manywa, naho nijoro tugahumeka akaba kasigaye mu kirere kubw'imbaraga y'Imana. Ariko birababaje kubona uburyo abantu b'iki gihe batitaye k'umwuka mwiza bahumeka: .gutereka imbabura icanye mu nzu tubamo bitwika wa rnwuka mwiza, cyangwa kuryama ahafunganye ubundi hadafite idirishya rihagije ryo kuwinjiza cyangwa kwiyorosa mu maso ukamiramiza, ibyo byose byatuzanira ingorane, Umwuka mubi wa Karibonike uturuka no mu rwokatsi rw'amamodoka, amapikipiki n'inganda; maze ugasanga iyo ibyo bihise biwutumura natwe dutezeyo amazuru tuwuhumeka ! Mbega uburozi ! Nijoro ugasanga umuntu yahwereye ngo ntazi impamvu !

## ***2.IMY AMBARIRE***

"Abe ariko umucyo wanyu ubonekera imbere y'abantu kugira ngo nibabona imirimo yanyu myiza bahereko bahirnbaze So wo mw'ijuru." *Matayo 5:16.*
"Kuko mwaguzwe igiciro, nuko rero mutume imibiri Yanyu ihimbaza Imana." *I Abakorinto 6:20.*

« Igihe cyose umutima utera umisha amaraso ngo agere mu migabane yose y'umubiri, iyo atabujijwe n'imyambaro ihambiriye umuntu cyane cyangwa intoke n'ibirenge bikonje cyane. Ikintu cyose kibuza amaraso gukomeza urugendo rwayo gituma asubira mu mutima. Iyo bigenze bityo, bitera kurwara umutwe, umutima ugakubitagura, n'imyanya itunganya ibiryo ikamererwa nabi.» ***Rengera ubuzima, vol.I.P.132.***

« Guhora uhinduranya imyenda, ingeri z' indodo byo kurimbisha umubiri, bitwara igihe n'amafaranga kandi bikamara imbaraga mu bwenge no mu bitekerezo by'umuntu. Kenshi

usanga umugore ateshwa kugumana umwuka w'ituza wo kumushoboza kuyobora abana be, agatwarwa n'ingeri za mode. Umwanzi w'ibyiza niwe ushyigikiye ubuhimbyi bw'imidodere y'imyambaro ihora ihindagurika. Ikindi kintu kibi gikunda kwadukana n'imico, ni imyambaro idashyitse ku buryo imigabane imwe y'umubiri iba yambaye ubusa.» ***Rengera ubuzima, vol.II pp.6,*** *7*. Nk'amaribaya y'ibitenge, imipira n'amakanzu bidoze ku buryo ibitugu igituza, n'amaguru biba bibereye aho byambaye ubusa.

« Nyabuna bashiki bacu, imyambaro n'uko umuntu ayambaye nibyo n'ubundi bigaragaza ingeso z'umugabo n'umugore. Umugore wiyoroshya wubaha lmana yambarana ikinyabupfura. Ubwenge bwarezwe neza bugaragazwa no gutoranya ·imyambaro yoroheje kandi ikwiye.Mbega uburyo kwiyoroshya kandi ntiwirate mu myambaro binezeza kandi biteye ubwuzu! Bigereranywa n'uburabyo bwo mu gasozi ku bwiza. Abagore n' abakobwa bakwiye kwambara imyambaro ikwiriye, bagira isoni kandi birinda. Muhe ab'isi icyitegererezo cy'ubuntu bw'Imana.» ***Inama zigirwa itorero, vol.I.pp. 118,119.*** Mbese ab'ubu bafite isoni mu myambarire?

« Bamwe baravuga bati: imyambaro mutubwira yavuye kuri mode. Ariko se ibyo bitwaye iki? Nifuzaga yuko mu buryo bushoboka bwose twaba abavuye kuri mode. Uwagira ngo tugire imbaraga abagore ba kera bavuye ku gihe bari bafite, byaba ari ibyo kwifuzwa! *Mu bagore igihumbi, umwe niwe wambara uko bikwiriye ! »***Ubutumwa bwatoranijwe, Vol.2 P.537***

« Umwarnbaro wose umuntu yambara ugomba kuba umukwiriye neza utamuhambiriye ngo ubuze amaraso kugenda neza mu mubiri, cyangwa se ngo umubuze guhumeka neza.» ***Rengera ubuzima, vol.II. p.7***

Gukunda kwambara kwangiza ingeso maze bigatuma umugore aba atakibaye umukristokazi mwiza, ukwiriye kandi wirinda. Imyambaro ibengerana y'igiciro cyinshi, kenshi itera umutima w'uyambaye uburaya kandi ikabyutsa iruba mu mutima w'umureba. Imana ibona yuko kwangirika kw'ingeso akenshi kubanzirizwa no kwibona no kwirata mu myambaro. Mbona yuko imyambaro y'igiciro cyinshi iniga ubushake bwo gukora ibyiza, » ***Inama zigirwa itorero, vol.II.pp.122*** «Dukwiriye kwambara imyambaro isa n'Iyandikishijweho urutoke rw'Imana aya magambo ngo: ambika abambaye ubusa.» ***Rengera ubuzima, vol.II.pp. 100.***

« Abenshi bambara nk'ab'isi kugira ngo bareshye abatizera, ariko aho bahagira ifuti riteye agahinda, Amagambo, n'imirimo bikwiriye kuvugira Imana.» ***Inama zigirwa itorero, vol.II.pp.122.*** Na none hari abambara imyambaro iboshye ikibuno kugira ngo bareshye ababareba bagaragaza uko bateye. Muri iki gihe ni bake cyane bigitsina gore bashobora kwemera kwambara imyambaro ibarekuye, kuva ku mukobwa muto w'umwangavu. Satani yateguye igitero gikomeye cyane cyo kwigira batyo, kugendera ikimero, gutereka amaso, ngo biyegereze abagabo n' abasore babareba bifuze gusambana nabo maze abatsinde muri SIDA. Benshi bamaze gupfa bahagaze mu by'umwuka no mu by'umubiri. Igikoresho cyamushoboje abisirayeri i SHITIMU akabarimbura bareba hakurya I Kanani, nicyo arimo kurimbuza benshi mu bitirirwa izina rya Kristo, bitewe no kurarikira abo bakobwa-bagore bigize beza ngo barimbure. *Kubara 25: 1-3.*

« Abenshi kugira ngo bagendane n' ibyadutse by'ubupfayongo, baretse umurimbo basanganywe uvanze no kwiyoroshya, maze barangamira ibyadutse. Batanga igihe n'imari n'imbaraga z'ubwenge n'ubutungane bw'umutima,

maze begurira impagarike yabo yose ku byadutse. Basore n'inkumi nkunda, ingeso ibarimo yo kwambara bikurikije uburyo bwadutse bw'iby'umurimbo, izahabu n'imyenda itatswe yo kurimbana, ntibizatera abandi gushima idini yanyu cyangwa ukuri muvuga ko mukurikiza. Abantu bazi kugenzura, bareba umwete wanyu wo kurimbisha inyuma, bikabahamiriza ko muri abanyantege nke n'abirasi.» ***Inama zigirwa itorero, vol.II pp.123.***

«Ubwibone no gushayisha ni ibyaha umugore akunda cyane; kubw'ibyo aya mategeko niwe abwira ». ***Inama zigirwa itorero, vol.II. pp.120***

Muri iki gibe hari ubugorozi bukenewe cyane mu myambarire ya bashiki bacu bo mw'itorero. Igihe abisirayeri bavaga mw'Egiputa I Kanani, bahawe gahunda yo kwambara ibara ry'ubururu ku mpera z'umwambaro wabo. Ibara ry'ubururu rivuga kumvira. Mbese abisirayeri ba none ntibari bakwiriye guhamiriza ab'isi ko ari abumvira Imana?

Birababaje cyane kubona abadayimoni b'ikuzimu basigaye bihindura abantu, maze bagahimba za mode z'imyambarire ishamaje y'urukozasoni, abitirirwa izina rya Kristo nabo bakaboma inyuma muri mode, abadayimoni babahema; ni agahinda ! Abakristo benshi bariruka inyuma ya mode n'imbaraga zose mu buryo buteye agahinda ! Abana bamwe b'abitirirwa izina rya Kristo basa n'abagize ingorane zo kuvukira mu idini ryamagana ibyo bintu ! Mu gihe cya vuba cyangwa uko byamaze kumera kuri bamwe, abadiventiste benshi barava mu bihamya by'Umwuka w'ubuhanuzi basigare bibeshya gucumbagirira kuri Bibiliya nk'amadini asanzwe ari hanze aha ya Babuloni, maze buri muntu ku giti cye muri abo asigare ari Babuloni atabizi; kandi mu *Byahishuwe 19:10* havuga ko *"**guhamya kwa Yesu ari umwuka w'ubuhanuzi**"* !. Ari uwambaye ubusa n'imyenda migufi cyangwa se imuhambiriye

n'amapantaro, ari n'umurebye akamwifuza, uri mu cyaha ni nde? *Luka 17:*1: " Ntawe ubuza ibisitaza kuza, ariko ubizana azabona ishyano.» Nibategereze bibanganye ishyano rirabugarije!

## IKIZIRA MU MASO Y'UWITEKA

"Umugore cyangwa umukobwa ntakambarane n'umugabo kandi umugabo ntakambarane n'umugore; kuko ukora atyo wese ari ikizira Uwiteka Imana yawe yanga urunuka." *Gutegeka kwa II 22:5.* ***Kwambara imyambaro iranga igitsina kitari icyawe, ni ikizira.*** Aha twavuga nk'abagore cyangwa abakobwa bambara imyambaro y'abagabo nk'ipantaro, ikabutura n'ibindi bitaranga igitsina cyabo. Aha nibo bavugwa ko ari ikizira mu maso y'Uwiteka hamwe n'abandi tubona bambara mu buryo bunyuranije n'ibyanditswe byera nk'uko dukomeza kubibona. Kuki tutanyurwa n'umwambaro wacu ko ariwo uba udukwiye, ushimwa imbere y'Imana ?

"Ku munsi w'igitambo cy'Uwiteka nzahana abambara imyambaro y'abanyamahanga." *Zefaniya 1:8.*

"Dore iminsi igiye kuza niko Uwiteka avuga, ubwo nzahana abakebwe bose bafite imitima itakebwe ...n'abiyogoshesha ingohe z'umusatsi bose." *Yeremiya 9:26.*

"Kandi Uwiteka aravuga ati: abakobwa b'i Sioni bafite ubwibone kandi bagenda bashinze amajosi, barebana amaso y'ubuhehesi, bagenda bakimbagira bacinya inzogera.*"Yesaya 3:16.*

"Nyamara Pawulo yaravuze ati: mwirinde igisa n'ikibi cyose" I *Abatesaronike 5:22.*

"Umuhanuzi w'Imana yavuye mu iyerekwa maze abonye indirimbo zo mu isi asanga ari umwaku ntizamunezeza! Ibicurangwa byo kuririmbisha byatwaye umwanya wari ukwiye

gusengwamo. Iyo indirimbo zikoreshejwe neza zihinduka umugisha ukomeye; ariko iyo zikoreshejwe mu buryo bubi,

ziba umuvumo uteye ubwoba, Zirasamaza abantu bakazishimira ariko ntizitanga ya mbaraga n'ubutwari umukristo abasha kubonera ku ntebe y'ubuntu gusa yicishije bugufi, Satani niwe uyobora abasore yagize imbata.» ***Inama zigirwa itorero vol.I.p.107.***

Imana yashyizeho imyambaro itandukanya umugabo n'umugore kandi yabonye ari ikintu cy'ingenzi kuri iyi ngingo. «Abagore bashaka kwigana abagabo uko bishoboka kose: bambara ipantaro... icyo bitanga ni ukujijisha abababona.» ***Ubutumwa bwatoranijwe, vol.II.pp.536.***

Mu gihe cy'abisirayeri indaya z'abanyamahanga nka Rahabu, bakenyeraga umushumi utukura nk'ikimenyetso cy'uburaya. None se muri iki gihe cya none abagore n'abakobwa batirinda wabatandukanya ute n'indaya zo hanze aha mu myambarire?

« Isi yose yirunduriye mu kwinezeza, Igitekerezo kiri imbere mu bantu by'umwihariko abagore, ni ukugira ngo bagaragare » ***Ibihamya by'itorero, vol.I.pp. 403.*** «Kwambara amasaro, kwitakisha ibintu binyuranye no kwimakiya wisiga inzara, amaso, ingohe... ni ubwoko bw'ikigirwamana kidakwiriye mu murimo wera w'Imana.» ***Ibihamya by'itorero, vol.I pp.239.***
Ikibabaje ni uko hari abaririmbyi bo mu makorari yemerwa n'ubuyozi bw'itorero aririmbana izo ngeso, no ku ruhimbi akahagera abayozi barebera ntibagire icyo bayakoraho !

Mu ***bihamya by'itorero, Vol. I. pp.695***. havuga ko itorero ryacu ridafite amategeko ahagije kuri iki cy'imyambarire: bigeze nubwo abana n'abafasha b'abayobozi b'itorero bamwe

biyambarira uko bashatse, nta gucyaha no kwamagana abirimbisha bidakwiye! Kuri satelite ugasanga nibo bafite ijambo ! Bambe ngo niwo muco wabo ! Umuco w'abana b'Imana bo mu bihugu byose ni umuco w'ibyanditswe byera. Ababyeyi murebera abana biyambika batyo muzagira amaherezo nk'ay'umutambyi gito Eli utaracyashye abana be akomeje: bararimbutse bajyana n'umubyeyi wabo gito. Muyobozi usabwe kumvira abagukuriye mu buyobozi ni byiza, ariko wibuke ko Imana izakubaza uko wahagarariye ukuri aho wayoboraga.

Mbega uburyo abaririmbyi benshi mu makorari y'itorero bamaze gutera imbere mu kwiyandarika ! Kwambara ubusa ! Kugaragaza uko umubiri uteye ! Benshi ntibajya imbere y' abantu babanje kubaha Imana ngo bayihimbaze ( *Ibyahishuwe 14:*7 ), ahubwo uko bihindanya ngo barisukura n'uko bambara, nibyo bituma bashaka kujya imbere y'abantu ngo bagaragare. Aho kugaragaza Yesu mu butumwa, hakagaragara umubyimba n'imyambarire yabo. Bikaba aribyo abantu batahana aho gutahana ubutumwa bwiza bw' agakiza. Ni kangahe humvikana izimvugo ngo: nyirakanaka azi kuririmba ( kubw'uko agaragara )mu cyimbo cy'uko Yesu ariwe ukwiye gushyirwa hejuru ? Bagore bakobwa murabe maso: umuntu umwe yaravuze ngo ubu buryo bwo gusokoza no kubohera za meshe ku mutwe, bimwe ni ingero z'amashusho y'ibigirwamana byo mu bihugu by' abapagani bya kera; muzabigenzure. Mwibuke ko turi mu gihe cyo gusubira kuri mode ya kera. Birababaje kubona hari amwe mu makorari y'itorero ameze nk'ay'isi ari hanze aha, abayobozi barebera ! Maze abo baririmbyi b'itorero bagahagararira isi ku ruhimbi !

Ubundi abaririmbyi bo mu matorero ya Babuloni yo hanze aha, nibo baririmba baceza bagendera umubyimba uko

indirimbo icurangwa ngo baragendana n'injyana yayo ! (kuko nubundi si kenshi bagendera kuri gahunda ya Bibiliya) none uwo muco w'umucezo wageze no mu basigaye ! Ubu, abaririmbyi hafi ya hose bahagarara ku ruhimbi baririmba, ni uguceza bagendera umubyimba ngo baragendana n' inanga ! Abajiya bo wagira ngo baririmbye batagender'umubyimba baceza, ntibashobora kuririmba ! Satani yamaze kwemeza abaririmbyi benshi ko utagendanye n'indirimbo uceza, utajyana n'injyana cyangwa inanga icuranga! Ibi biva ku mwanzi kuko iyo uceza utyo, aho kugira ngo intekerezo zihugukire ubwo butumwa, ahubwo zihugukira injyana y'inanga gusa, zatwawe ! Ngibyo ibituma benshi baririmba ibitabarangwamo, kuko aririmba ibyo adatekerezaho, ni umuhango gusa ! Ni abaririmbyi bake cyane bataguye mu gishuko cy'umwiryo w'umucezo baterwa n'inanga. Akenshi iyo inanga ije, isimbura ubutumwa bwiza !

« Aho turirimbira haba hari abamarayika. Maze abaririmbyi bakaririmba, bacuranga. Abo ni abakristo, ariko se twumva iki ? Ni indirimbo zikojeje isoni ziberanye n'izo mu cyumba babyiniramo. Maze mbona abamarayika bigendera, basiga mu mwijima abari bateraniye aho baririmbiraga, Abamarayika bagiye babaye cyane kandi barira. Ibyo nabyeretswe kenshi mu bakomeza isabato. Amasaha bata ku ndirimbo yagombye gutangwa ku masengesho. Indirimbo ni ikigirwamana gihabwa ibyubahiro cyane muri iki gihe n'abakomeza isabato. Satani aragikoresha cyane ngo agere ku basore benshi. Imiburo yose bahabwa ariko bakayirengagiza izabashinja ku munsi w'urubanza.» ***Ubutumwa ku basore, P. 293-294.***

Bayobozi ba Laodokia nimudatesha, mwibuke uko byagendekeye Eli ! Soma *Inama zigirwa itorero, vol. 2. P. 106-107.*

« Imana ibara abantu ko aribo bashinzwe ibyaha by' abari muri bo. Igihe abayobozi b'itorero birengagije gushaka ibyaha bikorerwa mu itorero bituma Imana itabishimira, babarwaho ibyo byaha. » ***Ibihamya by'itorero, Vol. III.P. 269.***

« Igihe ibyaha biboneka ku mugaragaro mu bantu b'Imana, kandi abakozi bayo ntibabyiteho bakagumya gukomeza umunyabyaba no kumutsindishiriza, bahinduka abanyabicumuro nabo, kandi Imana ntizabibashimira; kuko bazabarwaho ibyaha by'umunyabicumuro.» ***Ibihamya by'itorero, Vol. III. P. 265-266.***

«Neretswe ibyanditswe bikurikira: Marayika yarambwiye ati: "birakwiriye ko ubwoko bw'Imana bwigishwa aya masomo: *I Timoteyo 2:9,10:* "kandi n' abagore nuko, ndashaka ko bambara imyambaro ikwiye, bagira isoni birinda, kandi batirimbisha kuboha imisatsi, izahabu n'imaragarita, imyenda y'igiciro cyinshi; ahubwo birimbishe imirimo y'ingeso nziza nk'uko bikwiriye abagore bavuga ko bubaha Imana" *I Petero 3:3-5*. Umurimbo wanyu we kuba uw'inyuma, uwo kuboha umusatsi ... " Aya ni amabwiriza agenewe guhuza ubwoko bw'Imana.

«Benshi bavuga ko aya mategeko yo mu bitabo bya Petero na Paul ari aya kera cyane atagikwiriye kwitabwaho; ariko uwayahaye abigishwa be yari azi akaga gaturuka ku gukunda imyambaro ko muri iki gihe. Abashaka gukurikiza Kristo by'ukuri bazitonda cyane ku byerekeye imyambaro bambara, bazahirimbanira gusohoza ibishakwa by'iri tegeko ryatanzwe n'Umwami ku mugaragaro. Cyane cyane abagore b'abagabura bacu bakwiriye kwitonda ntibitandukanye n'ibyo ijambo ry' Imana ryigisha byerekeye imyambaro.» ***Inama zigirwa itorero, vol. II. pp.120,121.***

Impamvu zikunda gutangwa kuri aya magambo ya Paul na Petero acyaha imyambarire y'ab'isi kub'Imana: bavuga ko byarebaga abagore bo muri icyo gihe, kubw'impamvu runaka. Ari ko ijambo ry' Imana ritweretse ko ari umuburo utureba natwe bo muri iki gihe cya mode.

"Hari abantu bamwe binjira mu nzu y' Imana nk'abagiye ahandi hose, badatinya. Bene Data bamwe biyemeza kwinjira ahitiriwe izina ry' lmana n'imyambaro yanduye cyangwa imitwe itwikiriye ( ingofero kuba J.A. n'amakorari ). Ntabwo bazi ko baba bagiye guhura n' lmana n'abamarayika bera. Kenshi Imana yanga guterana n'abantu *nk'aba."* ***Ibihamya by 'itorero, vol.II. pp. 238.***

## IGIHE CYA MINI

Ijambo mini bishatse kuvuga ikidashyitse cyangwa ikituzuye. Muri iki gihe cyacu usanga ibintu byinshi biriho bikorwa mu buryo butuzuye. "Mu mwaka w' i 1968 hari ikinyamakuru cyitwa Jeunesse cyasohotse mu kwezi kwa mbere k'uwo mwaka, mu bwongereza, cyavugaga ku bya Mini jupe. Batubwira ko hari umukecuru umwe wavuze ko ijipo igarukiye munsi gato y'ikibuno izajya yambarwa n'umukobwa uri hasi y'imyaka 20, naho igarukiye hejuru y'amavi kuri cm 8 ikambarwa u'umugore w'imyaka iri hagati ya 20 na 30. Umwanditsi yavuze ko impamvu zose zatangwa zaba ari ukurangaza abahungu ni uburyo bwo kubereka ko uwambaye atyo akunda abagabo. Ngo abandi bavuga ko abakobwa bagira intinyi yo kubwira abahungu icyo bashaka, noneho bakifashisha ijipo ya mini kugira ngo bagende bavuga inzira yose ngo ESE NTIMUNDEBA ***?" Le bonheur soi, p. 90***. Mbese nta bakristo bagenda batangaza batyo ?

« Ikintu kibi gikunda kwadukana n' imico n 'imyambaro idashyitse ku buryo imigabane imwe y'umubiri iba yambaye ubusa, Kubera ko aho hatambaye amaraso atahagera neza, abagore benshi usanga ari ibimuga kandi bari gushobora kugira amagara mazima iyo baza gukurikiza amategeko y'ubuzima. » ***Rengera ubuzima, vol.II; p.*** 7. « Imyambaro y'abagore igomba kuba ibafubitse neza, igera munsi y'aho bote zigarukira ni ukuvuga kuri cm 23 uvuye ku birengc (9 iches), Ntigomba kuba miremire ku buryo igenda ikubura imyanda mu nzira cyangwa ku buryo agenda ayizamura ngo itamutera imyanda. » ***Ubutumwa bwatoranijwe, vol.II. pp.532***

Ubundi amajipo ya bashiki bacu ni abafubitse neza atabahambiriye cyangwa se ngo abambike ubusa, ijipo utayidodesheje iguhambiriye, ngo imanuke hasi igenda igabanuka ntabwo wakenera kuyikata (pasura). Uko kuyigabanya hanyuma ukayipasura ngo ubone uko utambuka maze mu ntege hagaragare (umubyeyi umukobwa n'umwana !), bifite aho biva kandi ntekereza ko atari heza. « Bashiki bacu, imyambarire ni : ababwiriza bavugira ukuri cyangwa isi. Mwibuke ko dukwiriye kuzamurikira Imana uko twagaragaye mu isi. »***Ibihamya by'itorero Vol. 1 ; p.690***.

Kuri iki cyigisho cy'imyambarire hari benshi bakora nk'abakozi b'umwanzi : abadozi bamwe ntibashishoza ngo bashyire mu gaciro batoranye imyenda bategura niba ari imyenda ivugira Imana cyangwa iyigayisha. Iyo umuntu abageze imbere ngo bamutegurire imyambaro, bene abo bakozi ntibareba niba ari mini, isatuye cyangwa ihambiriye umubiri ku buryo yambika ubusa. Kuri bo icy'ingenzi ui uko yifatira icyo kiraka dore amafaranga yarabuze ! Abandi nabo yabona amapantaro ariyo agezweho mu bagore n’abakobwa ati : nabonye imari :

ugasanga arayacuruza aho ku iseta ye yishimira ibyo bizira ! Nyabuna bantu b'Imana, Imana ireba inkomoko y'ikibi n'inzira yacyo n'ingaruka kigira ku bandi. Mbese uwenze inzoga (tailleur), uyitwaye aho icururizwa n'uyicuruza umwere ni nde ? Yesu abafashe gufata imyanzuro ihesha Kristo icyubahiro nka Daniel, mwe gushakira imibereho mu bizira bibashyira mu rubanza.

## IMISATSI N'URUHU

Mu *I Timoteyo 2 :9,10* na *I Petero 3 :4*, ijambo ry'Imana rivuga ko tudakwiriye kwirimbisha kuboha umusatsi. « Nubwo hariho amajyambere mu by'isuku u'ubuvuzi, imbaraga z'umubiri zisubira inyuma bitangaje. Amajyambere twihimbira yongera ububi burwanya ibyaremwe, Ibishyigikirwa nibyo bibi bicogoza umubiri bikananiza ubwenge maze bikabera abantu umutwaro udaterurwa. Abenshi bica amategeko mu bujiji, ariko kandi abenshi cyane ni abayamenya ntibayakurikize yose » ***Rengera ubuzima, vol. I. pp. 54,55.***

Mwene Data Joseph NKOU wo muri Cameroun yagize icyo avuga kuri iyo ngingo ati: « Ese mutekereza gute iyo mubonye umwana w'umukobwa yambaye ikanzu igera kuri cm 10 hejuru y'amavi, ku mutwe yambaye imisatsi ihinduwe ibara ? Niba uri umuhungu warezwe neza uzumva ko hari ikintu kibi kidasanzwe muri uwo mukobwa, kuko mu kuri iyo umukobwa w'umwirabura agenda mu nzira n'imisatsi y'amabara, twese tubona ko mu mutwe we bitameze neza. » ***Le bonheur chez soi, p. 69.***

« Abakomeza kwihambira ku kwirimbisha mu buryo bubujijwe n'ijambo ry'Imana baba buzuye ubwibone n'ubupfayongo. Nta kindi baba bagambiriye ni ukugira ngo abantu babarangarire, maze uko kwisukura kwabo kugende kuvuga ngo « **mundebe munyishimire** ». Abenshi mu bagore bose barashaka kugaragara. Kubw'uko isi n'ubwibone byigaruriye imitima ya benshi, Imana iravuga ngo "ntugakurikize benshi gukora ibyaha."*Kuva 23:2.* » ***Ibihamya by 'itorero, vol. I.pp. 694, 696.***

Uretse ko uko kwisukura udefiriza ukanyereza imisatsi ari ugushayisha, ***mu bihamya by'itorero, vol. I. pp. 698,*** hatubwira ko ari isuku ihenze cyane, ipfusha ubusa kandi yangiriza ubuzima bwacu kubw'amavuta mabi akoreshwa atwika amaserire y' umusatsi n'uruhu. Benshi uhona bagenda ariko ku ruhu rw'umusatsi barashize ! Ku byerekeranye n'isuku, umubiri wacu wose urahumeka, Nyamara umutwe wo ufite ingorane muri iki gihe kuko udoderwaho ibintu byinshi bitagituma ubona isuku ihagije rnu mihumekere yawo. Kumara igihe upfutswe na za meshe, uruhu rugatangira kuryaryatwa kubera kubura umwuka, maze bikageza igihe witwaza uduti two kwishimisha ! Ahantu hose Oxygene idashobora kugera aba ari indiri ya za microbes. Amavuta dukeneye ni atuma impagarike y'umubiri igumana kamere yayo. Mbese kuri urya munsi w'urubanza abapfusha ubusa igihe cyabo n'amafaranga yabo ku bintu Imana yabuzanije bazireguza iki ?

Hari mwene Data umwe uzi kugereranya abantu bagira batyo, ngo: igihe bari i Bujumbura bari bafite ihene zisenyeraho inzu kandi ziyibamo. Abantu basenya imibiri yabo ntibari kure y' aya matungo kuko biyangiza. "Mbese ntimuzi ko imibiri yanyu ari insengero zUmwuka wera uba muri mwe ? Nuko rero umuntu wese utsemba urusengero rw'Imana, Imana

izamutsemba, kuko urusengero rwayo ari urwera kandi urwo rusengero ni mwe." *I Abakorinto 3: 16-17.*

Uretse no kwiyangiza n'umavuta y'uburozi, iyo urwaye bikaba ngombwa ko uca mu cyuma gifotora uburwayi cyitwa: I.R.M. kigasanga warangirije uruhu rwawe, ntabwo kikwemerera ko ugicamo. Mbese niba ibyuma byakozwe n' abantu bitakira bene aba, Yesu arabishirnira ? "lyaba Kristo yari ku isi agasura amatorero arimo abantu bibonekeza mu myambarire ntiyabirukana mu nzu ya Se kuko bayihumauya '? » ***Ibihamya by 'itorero, vol.I . pp. 643*** «Uko aba bagaragara bigaragaza ibirwanira mu mitima yabo. Yesu avuga ko abakristo ari umunyu w'isi. Ese ugira ngo bene abo bambara nkab 'isi ashobora kubita umunyu w'isi '? Mu kuri ntibishoboka.» ***Ubutumwa bwatoranijwe, vol. II. pp.532***

"Bene abo si urumuri rw'isi kuko bahagarariye isi mu itorero. Iyo babwiriza bambaye batyo baba basenya ubutumwa bavuga, kuko ababona bavuga ko uko bagaragara, igihe n'amafaranga babitaho bidahamya ko Yesu agiye kugaruka *koko."* ***Ibihamya by'itorero, vol. I pp. 690."***

Muri iki gihe cyacu ho, abantu baribohesha imisatsi bashyizeho umwete mu buryo bwinshi butandukanye, wagira ngo babaye abarasita ! Abandi si ugusiga amarangi ngo nibwo buranga ! Ndibuka umubwirizubutumwa Fitz Henry aho yavuze ko bene abo ari abahagarariye Yezeberi muri iki gihe ubwo yacyahaga umukobwa wari wasize irangi ku munwa ati : vana irangi ku munwa, ntirisigwa abantu ni iry' inzu, 2 Abami 9:30.

UMWANZURO w'ibyimisatsi cyane ku bagore, tuwuhabwa na Paulo mu ***1 Abakorinto 11 :6: « Niba umugore adatwikiriy 'umutwe, yikemuze : ariko niba ari***

***ibiteye isoni k'umugore yikemuza cyangwa Yimoza*** ***<u>ajy'atwikira umutwe we</u>.***» Kwikemuza umusatsi ni ukuwugabanya,gutwikira umutwe ni ugutega igitambaro.

Kuri iki cy'imisatsi abagabo nabo bakwiriye kuba maso, ntibamere nk' abatambyi ba Baali bahoraga bimoje umutwe : « kandi ntibakimoze cyangwa ngo batereke umusatsi bajye biyogoshesha gusa. » *Ezekiel 44 :20.*

Umusatsi ni ikintu gikomeye Imana yitayeho kuva kera ; umunaziri w'Imana ntiyiyogosheshaga imisatsi kuko cyari ikimenyetso cy'imbaraga, kandi umusatsi w'umugore ni ubwiza bw'umugabo we. Umwana iyo avuka aba afite umusatsi we Imana yamuhaye. Ariko birababaje cyane kubona abagabo n' abasore benshi muri iki gihe, bagenda mu nzira, aho hose no mu rusengero bafite umutwe umoye, usa no mu mugongo wabo. Ijambo ry'Imana rirasobanutse neza, nk'uko tubibonye muri Ezekiyeli : ngo ***ntibakimoze, ahubwo bajye biyogoshesha gusa.*** Ubundi kwimoza byari igitutsi ku banyarwanda bo hambere, none byabaye ubusirimu ! Iyo umuntu yabwiraga undi ngo : urakamobwa ; yabaga amwifuriza urupfu mu muryango, kuko mu kwera no kwirabura, habagamo umuhango wo kwimoza ugaragaza akababaro ko gupfusha. Uzabazwa icyo wumvise utumviye !

Muri iki gihe hari inzitwazo nyinshi ngo : mfite imvuvu, umusatsi wanjye ni injwiri. Ese mbere hose imvuvu n'injwiri ntizahozeho ? None se twazigenzaga dute ko kumoza umusatsi bitabagaho ? Aho si ugushaka kugendana n' igihe, tuva mu byanditswe byera ? Imana yaduhaye ubwenge dukoresha ngo tuyumvire, dukoze ibishoboka byose ; ntabwo twumvira Imana ari uko ibintu bimeze neza gusa, cyangwa bigenda nk'uko tubishaka. Uwiteka aravuga ati : muzambona

nimunshakana umutima wanyu wose, n'ubwenge bwanyu bwose : kandi ubwami bw'Imana buratwaranirwa. intwarane zibugishamo imbaraga. None ukore mu gihe gikwiriye n'ikidakwiriye. Ababwirizabutumwa ntibakwiye kujya imbere y'abantu inkomborera, kuko ibyo byakorwaga n'abahanuzi ba Baal. Turahanura mu izina ry'Imana ihoraho. Dukwiye kuba abera muri byose. Gusa hari ibyaremwe byinshi birwanya imvuvu n'injwiri ku mutwe nk'amavuta y'avoka, amazi y'indimu, ('apeine, Amashu, n'ibyo kurya byose bikize kuri Vitamini A kuko ifata umusatsi, n'ibindi .. )

Abandi bakristo bafite uko bakorana n'umushukanyi bafite za solon de coiffure cyangwa se bazikoramo zogosha mu buryo bw'isi izindi zinyereza imisatsi zikanayiboha ! Ese wowe mukristo nyiri salon de coiffure cyangwa se uyikoramo, uko urimbisha abantu Imana irabishima ? Abandi nabo bacuruza za produits de maquillage zo ku nzara, ingohe n'ahandi ! Nyabuna icy'ingenzi si ibiduha amafaranga ahubwo ni ibihesha Imana icyubahiro. « ***Intumwa za satani*** *zakajije umurego wo kwonona ubwenge bw 'abantu no kwanduza imibiri yabo !* » ***Rengera ubuzima , vol. I.pp.64.***

"Neretswe ko ikidindiza bashiki bacu mu by'umwuka ari ugukunda uko bisukura. Ntimunangirwe n' ibishuko by'umwanzi. Mode yijimisha ubwenge ikamunga iby'umwuka, Neretswe yuko amategeko y'itorero ryacu adahagije kuri iki kintu.Kwirimbisha n'ubwibone mu myambaro mu buryo bubujijwe n'ijambo ry'Imana, yagombye kuba impamvu ihagije kugira ngo umuntu afatirwe imyanzuro. Niba imiburo n' amararikwa bihawe mushiki wacu agakorneza kwinangira, dushobora kumufata nk'utari umuyoboke wa Kristo kuko inarijye niyo yimitse mu mutima we. "

"Abadi vantiste bakora icyaha gikomeye cyane bareka abizera bo mu matorero yabo kwambara mu buryo budakwiranye n'uko twizera, Tugomba guhagurukira iki cyaha

vuba na vuba tugakingiranira hanze igishuko cya mode. Niba amatorerero yacu atabikoze, azazimira." ***Ibihamya by 'itorero, vol.I. pp. 695.***

"Imyambaro myiza igomba kuba iy'ubwoko bwiza, isa neza, kandi ikaba itoranirijwe ko irama mu cyimbo cyo kuyitoraniriza kurangaza abantu. Mbega ukuntu imideri myinshi y'imyambaro yaduka icishije ukubiri n'amabwiriza y' ibyanditswe byera ! Hari imyambaro myiza itagihuje n'ingeri zimyambaro igezweho bavuga yuko itakiri kuri mode, ko umugore wiyubashye atabasha kuyambara." ***Rengera vol.II.p p . 5.***

"Kwiyoroshya mu myambaro nigufatanya n'ubupfura bwo mu ngeso, bizagendana n'inkumi ifite ingeso zera maze biyibere ingabo imukingira ibyago igihumbi. Bizatuma umugore w'ubwenge agaragara ko ari umunyamahirwe." ***Inama zigirwa itorero, vol.II. p.123.***

Duhungire kure ibyaduka ndetse no mu mvugo: hari bamwe bagoretse imvugo zabo ndetse no mu babwirizabutumwa mu ndirimbo aho kuvuga ijambo ryumvikana bakarivuga ukundi. None musore nkunda ntukihuze n'abakobwa bafatanije na Yezeberi mu kwirimbisha, ngo umere nk' Ahabu wamurongoye akurikije uko kwihindanya kwe, kuko nubwo yabwirwaga iby'Imana n'abahanuzi agafashwa nk'i Karumeli, yageraga mu rugo Yezeberi akabimukuramo, akamuca intege.

Muri Matayo 15:22, umubyeyi umwe yasanze Yesu ataka ngo «Mwami mwene Dawidi mbabarira; umukobwa wanjye atewe na Dayimoni cyane.» Ngurwo urugero rw'umubyeyi mwiza uri ku rugamba rw'umukumbi yaragijwe. Buri mubyeyi wese azatanga raporo y'abana yaragijwe. Ariko

Ikibabaje ni uko abana benshi bameze nk'imburagihana, bitwara uko biboneye nk' abananiranye bo hanze aha kandi ari abana b'abitirirwa Kristo ! Mbese mubyeyi urebera umwana wawe witwara atyo nk'ab'isi mu myambarire, ugira ngo ntiyatewe n'abadayimoni benshi? Hari abandi utegereje ? Tabara dore byagucikanye ! Guma ku birenge bya Yesu urwane intambara nziza. Shikama kuko mu bushake bwawe ariho ubushobozi bwa Kristo bukorera.

Muyobozi nkunda umva icyo Uwiteka akubwira: "ndagutongera mu maso y'Imana no mu ya Yesu kristo, uzaciraho iteka abazima n'abapfuye, ubwo azaboneka aje kwima ingoma ye, Ubwirize abantu ijambo ry'Imana, ugire umwete mu gihe kigukwiriye no mu kitagukwiriye, uhane, uteshe, uhugure, ufite kwihangana kose no kwigisha. Kuko igihe kizaza batazihanganira inyigisho nzima, ahubwo kuko amatwi yabo azaba abarya, yifuza kumva ibibanezeza, bazigwiriza abigisha bahuje n'irari ryabo. Kandi biziba amatwi ngo batumva ukuri, bazayoba bakurikize imigani y'ibinyoma." ***2 Timoteyo 4:1-4.***

Abakristo bamwe batanga inzitwazo mu gukabya kwirimbisha uko bashaka, ngo icy'ingenzi ni umutima, kureba iby'inyuma si ngombwa, Nyamara akuzuye umutima , gasesekara ku munwa, Reka ibyanditswe bigire icyo bikubwira.

« IMIGISHA IZANWA NO KWAMBARA NEZA. Imico y'umuntu igaragarira mu myambarire ye. Uko wambara muri rusange, nibyo bigushyira mu myanya ugaragariramo, waba umugabo cyangwa umugore. **Tuvuga uko umuntu ameze dushingiye ku myambarire ye. »** ***Urwibutso n'integuza,30 / Mutarama / 1900; 17 / Ugushyingo / 1904..***

*** *** ***

# 4. AMATEGEKO MU MIRIRE

Umuntu akoze imodoka, undi akayihabwa ngo ayikoreshe, uyu uyihawe yaba arusha uwayikoze imikorere yayo ? None se uwayikoze yarayiteganyirije kunywa essance,uyihawe agashyiramo mazout, uwaba ari mu kuri ni nde?

Umukozi wo mu ruganda asohoye umwenda agashyiraho n'ibimenyetso byerekana uko uzajya uterwa ipasi idashyushye cyane, ariko ugiye kuwambara we akifuza ko waterwa ipasi ishyushye ku rugero ruhanitse, maze akawutera, Mbese ye, uri mu kuri ni nde? Uyu mwenda naho utahita ushya, uzaramba? Nta buzima ufite. Ari Imana yaturemye na twe twibonye dutya, uzi ibikwiriye imibiri yacu ni nde ?

Tugizwe n'ibyo turya n'ibyo turya, iryo ni ihame rizwi neza cyane. Iyo turya nabi tuba babi, twabaho nabi tukaba babi, niyo mpamvu dukwiriye kwita cyare ku buryo tubayeho.

Ntabwo ari icyaha rwose kurwara, nyamara ni icyaha kurwara ku buryo butari ngombwa ni ukuvuga bududuturutseho ubwacu. Amategeko agenga ubuzima ni ay'Imana. Yose tweyaherewe kugira ngo tugire ubuzima bwiza butagira umuze mu buryo bw'umwuka n'umubiri. Iyo twumviye ariya mategeko y'iby'umvuka gusa, tukirengagiza amategeko y'iby'umubiri, tuba twumviye Imana by'igice. Ubwo ntituba twumviye kuko iyo dupimwe mu rubanza dusangwa tudashyitse. « Abihannye by'igice ntabwo bazaguma mu muryango w'abana b'lmana.» ***Ibizaba mu minsi ya nyuma. p. 85.***

Niba tugiye kugira icyo dushyira mu mubiri, dukwiriye kubyitondera kugira ngo tutiyangiza twibwira ko turimo kubaka umubiri. Mbere yo kwakira ngo dutamire, dukwiriye kubanza gutuza maze ipfa rigatera umubiri wose kuba witeguye kwakira.

Iyo utamiye ukwiye gutapfuna neza ukirinda kumira ibitanoze neza, kuko iyo bitanoze n'igifu ntikibitunganya neza bityo tugahomba intungamubiri zose zirimo. Dukwiriye kubahiriza amasaha ari hagati y' amagaburo byibura amasaha atanu hagati y' amagaburo, kandi tukirinda kuryamana ibiryo mu gifu. Kuryagagura byangiza igifu cyane kandi kunywa urimo kurya bitera akaga.

Tugomba kwirinda kunywa itabi n'inzoga kuko ari ibizira Uwiteka yanga urunuka. Ibi ni ibiyobyabwenge, ubikoresha ntaba akiri umuntu ushobora kugerwamo n'Umwuka w'Imana.

Nanone tugomba gukora imyitozo ngororamubiri ihagije kuko ituma umubiri uba mutaraga ukora neza ufite imbaraga kandi ukomeye. Imyitozo ngororamubiri iranyuranye, dutoranye iyo dushoboye ku buryo umubiri mu ngingo zawo zose twumva zikora neza, Bizaturinda ubumuga bwinshi. Byaba byiza kuyikora mbere yo kurya.

Twirinde cyane gukoresha isukari nyinshi mu byo turya no mu byo tunywa, kuko isukari nyinshi imeze nk'uburozi buca umubiri intege ntubashe guhangana n'uburwayi bunyuranye uhura na bwo, cyane cyane ku myanya y'ubuhumekero. Isukari y'iki gihe turya n'uko ingana, bigabanya ibivumbikisho bya vitamini z'ubwoko bwa Bl ku buryo bukomeye, maze bikabyara gukunda kurakara ubusa. Na none dukoreshe umunyu muke mu biryo.

Kugira ibitekerezo byiza biboneye niko kugira umubiri uguwe neza. Nyabuna dusabe Imana kutwirukanamo ibitekerezo bimunga ubwonko bigatera umubiri wose kuyonga buhoro buhoro."Umutima unezerewe ni umuti mwiza, ariko umutima ubabaye umutera konda. "***Imigani 17:22.***

Kunywa amazi ahagije ni ingenzi cyane ku buzima kuko hafi 75% by'umubiri wose ari amazi. Uwashaka yavuga ko umubiri ari amazi. Amazi niwo muti uruta iyindi, ni igitangaza Imana yaremye, ni igisubizo cy'ibibazo byinshi binyuranye by'umubiri. Abantu benshi cyane cyane abakuze, basimbuza amazi inzoga, icyayi, n'ikawa. Mbega uburyo bakora icyaha gikomeye bangiza urusengero rw'Imana ! "Ni iki gituma mutanga amafaranga yanyu mugura ibitari ibyo kurya nyakuri ? Ni iki gituma mukorera ibidahaza , Mugire umwete wo kunyumvira mubone kurya ibyiza, ubugingo bwanyu bukishimira umubyibuho' **Yesaya** ***55:2.***

Mbese agakombe kamwe gusa kakoza ibikoresho byose byo mu gikoni ? Ntibishoboka. Uko niko amazi adahagije atatuma umubiri wikiza imyanda iwurimo; ubwo uburwayi bukaza, ngo kwa muganga ! Amazi adufasha mu guhumeka, gusya ibyo kurya, gusukura hose cyane cyane mu myanya icamo imyanda nk'amara, impyiko, n'umwijima, gutuma ubwonko buhehera maze bugafata neza ibyo bwakiriye , atuma umubiri wacu ugumana ubushyuhe ku rugero rukwiye, akora amacandwe n'amarira abobeza amaso. Abana bakeneye amazi menshi kuruta abantu bakuru, kuko imibiri yabo igizwe n' amazi kuruta iy'abandi. Muri rusange dukeneye amazi hagati y'ibirahuri 6-8 ku munsi. Inkari z'umuhondo ntizari zikwiriye rwose ku muntu Muzima.

## INYAMA SI IBYO KURYA BYACU

Ibyo kurya Imana yageneye umuntu ikimurema ni ibiva mu butaka. Nyuma y'umwuzure nta kindi kintu cyari gihari, Imana ibaha inyama ngo zigabanye kubaho kwabo be kuramba mu byaha. Ariko ubwo Uwiteka yari acyuye ishyanga rye rivuye

mu bupagani bwo mw'Egiputa, bajya mu gihugu cy'isezerano cy'i Kanani , Imana yababujije inyama ngo bagaruke ku byo kurya bagenewe; abantu ntibumviye ngo bazireke. Kubwo kutumvira kwabo, Imana irazibaha bashirira mu butayu. None ubu twitegura gutaha i Kanani yo mu ijuru, inyama zongeye kubuzwa ubugira kabiri. Mbese abatazumvira bagakomeza kuzirya, ugira ngo ntibazagwa muri ubu butayu bwa none nka ba bandi ba kera ?

Urambaza uti: kuki Yesu ntacyo yabivuzeho ? Yesu ati : " ndacyafite byinshi byo kubabwira, ariko ubu ntimubasha kubyihanganira. Uwo mwuka w'ukuri naza azabayobora mu kuri kose kuko atazavuga kubwe. " *Yohana 16 :12, 13.* Uwo Mwuka niwo Mwuka wera waje, kandi niwe Mwuka w'ubuhanuzi utubwirira mu bihamya; mbese witeguye kumwumvira ?

«Uwiteka abwira itorero ryasigaye kureka kurya inyama kubwo kurigirira neza. Kurya inyama bizashiraho mu bategereje kugaruka k'Umwami, inyama ntizizaba mu mugabane w'ibyo kurya byabo. Imbaraga z'ubwenge iz'umutima n'iz'umubiri bigabanurwa no kurya inyama. Kurya inyama byonona umubiri byijimisha ubwenge kandi bikagabanura ubwenge bwo kumenya ibyiza n'ibibi.» ***Ibihamya by'itorero, vol.II p.64.*** Dore impamvu abantu batirinda bakerensa, kandi ntibahirimbanire gukora ibyo Imana isaba, baba baraguye ikinya, nta gikangura imitima yabo.

« Kurya inyama byongera indwara inshuro cumi. Abenshi bapfa bazize indwara yo kurya inyama, ariko iyo mpamvu ntibashe kuzirikanwa nabo cyangwa n'abandi.» ***Inama zigirwa itorero, vol. I. pp.203.*** « Amategeko Imana yahaye ibyaremwe ntakwiye kurwanywa ahubwo akwiye kumvirwa.» ***Inama zigirwa itorero, vol. II pp.208.***

« Inyamaswa zifite indwara , noneho iyo tuziriye tuba twishyize imbuto z'indwara mu mubiri no mu maraso. Hanyuma twajya ahantu haba ubuganga, tukazirwara.Ubundi kandi iyo tugiye ahantu indwara z'icyorezo cyangwa izanduza zateye, umubiri ntubashe kuzirwanya.» ***Ibihamya by'itorero, vol. II.pp.64***

« Nigishijwe y'uko inyama zitera kamere y'umuntu kuba nk'iy' inyamaswa; zambura abagabo n' abagore urukundo n'impuhwe bakwiye kugirirana; kandi zigatera iruba ribi kuba aririyo ritegeka imbaraga z'umuntu. Abigisha bakwiga neza ibyigisho byabo baramutse badakojeje inyama mu kanwa. Igihe umugabane wa kinyamaswa utewe imbaraga no kurya inyama, imbaraga z'ubwenge ziragabanuka.» ***Inama zigirwa itorero, vol.p.213.***

Iyo ugiye kwica itungo cyangwa inyamaswa, ubanza kurirwanya; ibi bituma rivubura mu mitsi yaryo umusemburo w'umujinya wo kwirwanaho, maze rikicwa bikimeze bityo. Iyo uririye rero, wigaburira bwa bugome ryari rifite bukagukukiramo buhoro buhoro ugasanga umuntu ari umunyamujinya.

Inyama si ibyo kurya by' abantu : « abarya inyama bari mu mugabane w'inyamaswa.» ***Ibyigisho by'ishuri ryo ku isabato 3/1999. p.87.***

Inyama muri rusange zitanga hagati ya 40-43% bingana na za proteine ziva mu rugimbu, kandi zishobora kwiyongera bitewe n'uko urugimbu rungana. lbyo kurya by'ibimera bigomba kugira nibuze hagati ya 20-23% za proteine umubiri ukeneye, Niyo mpamvu inyama kubwa proteine nyinshi zigabanya kubaho k'umuntu nubwo proteine zikwiye zituma umuntu akura neza,

Hari benshi bibaza itandukaniro riri hagati y'inyama n'amagi n' amata, ndabasubiza nti rirahari rwose nubwo bikomoka ku kintu kimwe: ubwandu bw'inyama si kimwe

n'ubw'amata, inyama nizo zandura cyane. Mu kubitunganya hari microbes nyinshi ziba mu nyama zitajya zipfa. Ikindi tubona hano gikomeye ni uko inyama ziboneka habanje kwica bityo zigatera kamere ya kinyamaswa.

Gusa ntibivuze ko amata nayo ari shyashya kuko nk'iyo inka yanduye mikorobi y'igituntu, dushobora kucyandura natwe kuko utamenya amata agifite n'atagifite. Inama nziza ni ukuzibukira ibikomoka ku nyamaswa byose tukimenyereza ibyabisimbura biva mu butaka,

Kenshi cyane abantu bibeshya ko ibikomoka ku matungo aribyo bifite intungamubiri nyinshi zifite imbaraga kurusha ibiva mu butaka. Inama nk'izo ukazisanga no mu baganga bize iby'ubuzima! Ariko si ukuri. Bamwe babivuga bashingiye ku irari ry'umubiri, abandi kuko babyumvanye abitwa ko bajijutse. Nyamara ubushakashatsi bwagaragaje ko ibiva mu butaka bikize cyane ku ntungamubiri zikwiriye, zihagije ku buzima bwacu: haba ku murwayi, uwazahaye, umwana ukeneye gukura neza atarwaragurika afite imbaraga n'ubwenge bwimbitse, ku muntu usanzwe ukeneye imbaraga gukomera no kutarwaragurika. Mu gihe ibikomoka ku matungo byo bitera kurwaragurika kuko byangiza bica umubiri intege, bitera imbaraga n'umubyibuho by'indengakamere ya kimuntu, akaba aribyo abantu bishimira.

Ingorane abantu benshi biteza, ni uko iyo bize ibyigisho nk'ibi byo kwirinda witungira amagara, babyakira bihana by'igice: bakareka ibikomoka ku matungo gusa, ariko ntibahite babisimbuza ibiva mu butaka bikwiriye by'imbuto zihagije, imboga, ibinyampeke bihagije nka soya,ubunyobwa..., maze bakazahara, bagasebya ubutumwa. Iyo utabifashe, uba wihannye by'igice.Abantu benshi batanga amafaranga ku nyama n'ibindi biva ku matungo, ariko bakumva batayatanga kuri ibi bimera

Imana yatugeneye kandi aribyo bihendutse cyane kuruta ibindi byose. Uretse ko tuzabibagezaho mu n° y'INTEGUZA izakurikira itaha, twabasabaga kugira ubushakashatsi ku byo kurya bikwiriye hagati aha.

Umuntu umwe yarabajije ati: koko ntibishoboka ko wageraho urya inyama? Niba wizera Imana by'ukuri akantu kamwe gato kakuri imbere Imana yagaha umugisha kakagutunga; ariko nk'uko nyuma y'umwuzure abantu bariye inyama bwa mbere nta kindi na mba bafite, nawe wareba niba uri nko muri icyo gihe kuko Imana irakureba.

« Ingaruka mbi z'inyama ntizimenyekana aka kanya, nyamara kandi icyo si icyemezo kigaragaza ko ari ntacyo zitwara umubiri. Abantu batagira ingano bapfa bazize indwara ziterwa no kurya inyama mu gihe bo bibwira ko ntacyo zitwaye.» Baba biyahuye. ***Rengera ubuzima, vol. II. p.20.***

«**Kwica ubugingo bw'umuntu ako kanya si icyaha gikomeye imbere y'Imana kiruta kuburimbura buhoro buhoro amaherezo bugapfa. Abantu bitera kumungwa buhoro buhoro bakora ibidakwiye, bazabihanirwa bano mw'isi, kandi nibatihana bamaramaje ntibazakundirwa kujya mu ijuru mu gihe kizaza ngo babe batanga uwishe ubugingo ako kanya** » ***inama zigirwa itorero vol. I.p. 152.***

Uwiyicisha ibyo kurya bitemewe n'ijambo ry'Imana, kandi akabaho mu buryo bunyuranije nuko ryabitweretse, ni umwicanyi nk'aband bose. Nyabuna twihane kuko utsemba urusengero rw'Imana, Imana izamutsemba.

«Bake gusa nibo bamenye ko kubabaza inyamaswa no kutazitaho zikicwa n'umukeno ari icyaha. Raporo iratangwa mu ijuru, umunsi w'rubanza uraje ku bashinyagurira ibiremwa by'Imana.» ***Abakarambere n 'abahanuzi, pp.443.***

«Itegeko ry'imbabazi rigera no ku tunyamaswa tudashobora gusobanura agahinda n' akababaro katwo mu mugambo.» ***Uwifuzwa ibihe byose, pp.500.***

«Abenshi ntibamenya ko ubugome bagirira inyamaswa buzigera bumenyekana kubera ko izo nyamaswa zidashobora kubugaragaza. Ariko amaso yabo ashoboye guhumuka nk'aya Balamu, babona Malayika w'Imana ahagaze nk'umuhamya w'ibyo bakora mu rukiko rwo mu ijuru. Buri munsi imimuriko itangwa mu ijuru kandi umunsi uraje ubwo abatoteza ibiremwa by'Imana bazacirwa urubanza.»
***Abakurambere n 'abahanuzi.pp.443***

« Abantu benshi biteza indwara kubwo kutitegeka. Babaho imibereho idahuje n'amategeko agenga ibyaremwe cyangwa se amahame y'imibereho iboneye. Abandi birengagiza amategeko y'ubuzima mu byo barya n'ibyo banywa, n'ibyo bambara cyangwa ibyo bakora. Akenshi ibibi niyo ntandaro yo gucika intege. Abo bantu baramutse bongeye kugira amagara mazima, abenshi bakomeza kugomera amategeko y'Imana agenga ibyaremwe n' amategeko cumi bibwira ko Imana ibakijije, baba bafite umudendezo wo kubaho imibereho itatira ubuzima, Imana iramutse ikoze igitangaza cyo gukiza abo bantu indwara, yaba yoshya abantu gukora ibyaha."

« Byaba ari ugukora ubusa kwigisha abantu gusaba Imana ngo ibakize batigishwa kureka ibikorwa byangiza ubuzima, Abifuza isengesho ryo kuvugurura ubuzima, bakwiye gusobanukirwa ko kwica itegeko ry' Imana ari icyaha, ryaba itegeko rigenga ibyaremwe cyangwa se itegeko rimwe mu icumi.» ***Rengera ubuzima, vol. I. p.110.***

## AMAFI

« Ahantu henshi ifi zanduzwa cyane n'imyanda zirya, (iva muri za ruhurura n'imigezi iva iyo hose) ikaba ari nayo mpamvu zitera abantu indwara. Ibyo biba cyane aho zihurira n'imyanda iva mu midugudu minini. Ifi zirya ibiba mu miyoboro y' amazi yanduye zishobora kujya kure aho amazi ari, maze bakazirobera aho hari amazi aboneye bibwira ko ari nziza. Nuko zaribwa zigatera indwara n'urupfu abantu batibwiraga kubona.» ***Inama zigirwa itorero, vol. II. p.203.*** Ikintu cyose cyangiza umubiri w'umuntu, ubwenge n'imbaraga z'iby'iyobokamana, ni icyaha. Ahubwo urebye neza, usanga ifi zanduza umubiri kurusha inyama zindi; kuko zirya imyanda myinshi kurusha andi matungo; imyanda yose !

## ICYAYI, IKAWA NA KOKA SI IBINYOBWA BY' ABAZIMA, NI UMUTI W' ABARWAYI

« Inyifato abakristo bagomba kugira ku cyayi n' ikawa ni: ntugafateho, ntugasogongereho, ntugakoreho.» ***Umurimo wo gukiza, P. 281.***

« Icyayi ni uburozi abakristo bagomba kwirinda. Ikawa nayo niko imeze ariko yo ku rwego ruhanitse. Icyayi ni igikanguzi cy' imyakura, maze bakibwirako gitanga imbaraga; kandi ahubwo kizimara. Abanywa icyayi n'ikawa bagaragaza ibimenyetso mu maso, nta mirasire y'ubuzima bafite. Bakunda kugira umwuka w'uburakari, Gutanga amafaranga ku cyayi n'ikawa, birenze gupfusha ubusa kuko byangiza umubiri. Abakomeza kunywa icyayi n'ikawa, hari ibintu batabasha gukora; iyo mpamvu izagaragazwa ku munsi wurubanza rwabo." ***Inama ku mirire n'ibyo kurya, P. 505-507.***

«Icyayi gitera umubiri indihaguzi, kandi akenshi kikaba amendeze yo gusinda. Umurimo wabyo n'uw'ibindi binyobwa bikundwa n' abantu, ni kimwe. Ikintu cya mbere gikora ni ugutera umutima gushabuka, ariko iryo ni ifuti. Dore ntibitunga umubiri: iyo imbaraga yabyo itera umubiri gukora vuba vuba ishize, ya mbaraga itari isanzwe iragabanuka noneho amaherezo akaba guhondobera no gucika intege.» ***Umurimo w 'ubuvuzi p.326.***

«Inzira imwe gusa yo kubonerwamo amahoro ni ukudakabakaba, kudasogongera, kudakoresha icyayi, ikawa, itabi, inzoga. Burya icyayi n'ikawa n'ibindi binyobwa bisa nabyo, biri mu murongo w'ibiyobyabwenge; kandi biraruhije gucika kuri iki kintu nkuko bikomereye umusinzi kureka umusa w'inzoga.» *Umurimo w'ubuvuzi p.335.*

«Bamwe baracogoye maze bakururwa n'icyayi n'ikawa. Icyayi gikora umurimo wo gukabura umubiri, kandi ku rugero runaka kirasindisha. Imitsi yumva y'igifu irashyuha, ibyo bigatera ubwonko kurakara, umutima ugakora birenze urugero, umunaniro ukibagirana, maze abantu benshi bakibwira ko bibagirira neza; ariko iryo ni ifuti gukoresha umubiri birenze uko wagenewe.» ***Inama zigirwa itorero vol. I . p.144.***

Dore icyo Dr. PAMPLONA Roger abivugaho:
« Mu gatasi kamwe k'icyayi harimo gm40-60 za cafeine, kubw'ibyo kigatera, uburwayi bw'igifu. Icyayi n'ikawa uretse gukabura umubiri, nta ntungamubiri bigira. Icyayi gitera kutituma, aside nyinshi mu gifu, Iyo abagore batwite n'abonsa bakoresha icyayi, uburozi bwa cafeine buririmo bugera ku mwana bukamwangiza . » ***Guide des plantes medicinales. P.185***

« Ikawa igabanya ubushobozi bwo gufata mu mutwe ibyo wize ; iyo abandikisha imashini bamaze kunywa ikawa, bandika vuba ariko bagakora amakosa menshi. Ikawa itera ibisebe mu gifu, ikananiza umwijima. Ikawa ifitanye isano na Kanseri yo mu ruhago rw'inkari, y'urwagashya, yo mu mara.» ***Guide des plantes medicinales, P. 179.***

« Koka si ikinyobwa, ni ikinya cy'umubiri. Koka yongera imishyitsi no gususumira, Imara imbaraga z'umubiri, igabanya inyubakamubiri mu mubiri, igatera uburwayi bunyuranye bw'umutima. Itera iruba ridakwiye, amaherezo ukaba ikiremba. Koka ni uburozi bubi cyane.» ***Guide des plantes medicinales, P.181.***

« Gukomeza kunywa ibyo bintu bishyushya imitsi yumva, bikurikirwa no kumeneka umutwe, kubura ibitotsi, gutera vuba k'umutima, kugubwa nabi, gususumira n'ibindi byinshi. Imitsi yumva y'ubwonko ijyana amakuru mu mubiri wose yabuze imbaraga zayo bitewe no kuyishiturira irari ryifuza kunezeza umubiri mu buryo butari ubwo Imana yagennye, Niba imitsi yumva inaniwe, ikwiriye kuruhuka no kuguma hamwe mu kigwi cyo gushyushywa no gukoreshwa birenze urugero.» ***Inama zigirwa itorero, vol. I. p.144,151.***

Icyayi tuvuga aha, ni icy' amajyani, Ubundi icyayi si ikinyobwa cy' abantu bazima, ahubwo ni umuti w' abarwayi. Ntabwo umuntu muzima anywa umuti. Iyo akinyoye, dore icyo ijambo ry'Imana rimubwira: « **kunywa icyayi n'ikawa ni ugukora icyaha.** Ni ikosa ryo kutagira icyo witaho, kimwe n'ibindi bibi byose byangiza umutima. Ibyo bigirwamana bitoneshwa, bikangurira imitsi yumva ibikorwa bibi. lgihe ibyo bikorwa birangiye, imbaraga byashyize mu mubiri zihita ziyoyoka, umuntu agacika intege. » ***Inama ku mirire n 'ibyo kurya, p. 5.11.***

«Abigisha ubugorozi mu byerekeye kwirinda bakwiye kuba maso bakarwanya ingaruka mbi ziterwa no gukoresha ibyo kurya bidatunga nk'urusenda, icyayi n'ikawa. Urusenda, piripiri n'andi moko yabyo bihwanye, bitera igifu kuryaryatwa kandi bikanduza amaraso.» ***Rengera ubuzima vol. II. p. 25,27.***

**« Kwica amategeko y'ubuzima ni icyaha kingana neza neza no kwica amategeko cumi. Kwica rimwe cyangwa irindi ni ukwica amategeko y'lmana.»** ***Inama ku mirire n'Ibyo kurya, p.30.*** Aha byumvikane neza :haba ku mategeko icumi cyangwa se ay'ubuzima iyo uyumvise ntuyumvire bikubera icyaha. Uzi ibyo kwirinda ntabyirinde, yabyanga yabyemera aba ari mu cyaha. Benshi bakomeje kubaza ngo gukomeza kurya inyama, icyayi n'ikawa n'ibindi byangiza umubiri ni icyaha ? Ku wamaze kubyigishwa agakomeza kwirira, bimubera icyaha ntimugatinye kubivuga. Nyabuna Imana ntikina, ni umucunguzi ariko iyo ugezweho mu rubanza ni umucamanza.

*** *** ***

## 5. AMABWIRIZA KU BAYOBOZI N' ABABWIRIZABUTUMWA B 'ABADVENTISITI B'UMUNSI WA KARINDWI.

«Mu iyerekwa naherewe muri Rochester I New York kuwa 25/Ukuboza/1865, neretswe ko abantu bacu bakomeza isabato bagiye birengagiza gukurikiza umucyo Imana yabahaye ku byerekeranye n'inyigisho zerekeye ku kwita ku buzima. Neretswe ko tugifite umurimo ukomeye dukwiye gukora .... » ***Ibihamya, vol.I.pp.485,489.***

« Kubw'iyo mpamvu, inama ya kane iba buri mwaka y'inteko nkuru rusange yo mu mwaka w' 1866 yafashe umwanzuro ukurikira: hemejwe kwigisha abantu ubugorozi mu by'ubuzima bwiza nk'uko buboneka mu bihamya bya Ellen White. Hemejwe ko gukora uwo murimo ari ikintu kireba itorero muri iki gihe, kandi ko abayobozi biyemeje kugira imibereho itabusanya n'ubwo bugorozi, kandi bakabwigisha abandi bantu. » ***Urwibutso n 'integuza, Gicurasi 22,1866.***

«Nta muntu numwe ushobora kuba umukozi ufite imbaraga mu by'umwuka keretse akurikije neza amategeko yo kwirinda mu mirire ye. Imana ntishobora kwemerera Umwuka wayo wera ngo aze ku bantu bazi uburyo bagomba kurya kugira ngo bagire ubuzima bwiza ariko bagakomeza gukora ibigabanya imbaraga y'ibitekerezo n'umubiri.» ***Inama ku mirire n 'ibyo kurya, p.55***

« Ntibishoboka ko abantu bakoresha inyama babaho batuje, ubwonko bwabo butaremerewe n'ibitekerezo bikora vuba.» ***Ibihamya by'itorero, vol. II p.62.***

«Mbese nk'intumwa z'Imana ntituzabwira abantu tuti mubyo murya cyangwa munywa mujye mukorera byose guhesha Imana ikuzo ? "***I Abakorinto 10:31.***

Mbese hariho umugabura w'ubutumwa bwiza uvuga

ukuri watanga urugero rubi asubira ku nkono z'inyama zo mw'Egiputa? Mbese abapasiteri batunzwe na kimwe mu icumi cyo mu bubiko bw'Imana bashobora kwemera bitewe n'irari kurya inyama ? Mbese bazirengagiza umucyo n'umuburo Imana yabahaye ? Bose barimo kugeragezwa kandi bagapimwa.» ***Inama ku mirire n 'ibyo kurya, p.402, Ibihamya by'itorero , p.156.***

« Ntihakagire abagabura batanga urugero rubi rwo kurya inyama, bo ubwabo n'abo mu ngo zabo bakwiye kugendera mu mucyo wo kwirinda. Umugabura wacu ntakwiriye kugira kamere y'inyamaswa cyangwa ngo ayanduze abana be.» ***Inama ku mirire n 'ibyo kurya, p.399***

« Abagabura bacu bakwiriye kugira ubwenge kuri iki kibazo, Ntibakwiriye kucyirengagiza cyangwa ngo baganzwe n'abantu bakabya. Nibasobanukirwe ibikwiriye mu murimo w'ubugorozi bwo kwirinda maze nabo babyigishe mu mabwiriza no mu bikorwa.» ***Inama ku mirire n 'ibyo kurya, pp.377-378.***

« Abagabura n'abakozi bacu bakwiriye kugendera munsi y'ibendera ryo kwirinda. Ntimukagire isoni zo kuvuga ngo: Oya murakoze ntiturya inyama.» ***Inama ku mirire n 'ibyo kurya, p.402.*** "Igihe umubiri utitaweho kandi wangijwe, Imana ntiba ihawe icyubahiro, icyo gihe ntabwo uba ugikwiranye n'umurimo wayo."***Inama zigirwa itorero vol. II p. 77.***

«Abantu bafite inshingano zikomeye mu itorero cyane cyane abapasiteri, bagomba kuba abantu bumva kandi bahora bari maso. Bakeneye cyane kwirinda mu mirire kuruta abandi bose. Ariko kenshi. umwanzi yangiza umurimo wabo mu byo kurya nabi.» ***Rengera ubuzima vol.II p.17.***

"Hariho bamwe biyumvamo ko batabaho hatariye inyama, ariko iyo baba barishyize mu ruhande rw' Uwiteka bakomeje, bahabwa imbaraga n'ubwenge nk'ibyo Daniel na bagenzi be bahawe." ***Inama zirwa itorero vol. 11 p. 211.***

"Hakwiye gutoranywa ibyo kurya byiza byubaka umubiri. Muri iryo toranya ipfa siryo umuntu yakwibandaho. Haba igihe ipfa rihinduka ribi umuntu akararikira ibyo kurya bica intege mu cyimbo cyo kuzongera. Indwara nyinshi ahanini ziterwa n' amafuti y'ikimenya bose mu byo kurya." ***Rengera ubuzima vol. II p.8.***

"Kwita ku mayoga niyo mbaraga iri ku isi kandi iyo mbaraga yageze mu itorero. Bamwe bazicuruza ku mugaragaro cyangwa rwihishwa, ubundi bagatanga amafaranga yo gushyigikira itorero n'imirimo yaryo Ibihe byinshi umupasitoro ntagira ubutwari bwo guhagarara mu kuri ngo abyamagane. Kubyerura byamutera atavugwa neza cyangwa akabura akazi ke. Nyamara Imana ntiyemera amaturo y'ucuruza ibisindisha. Irakarira cyane abatwikiriza igicumuro cyabo umwitero wo gutangana ubwuzu. Amafaranga yabo yuzuyeho amaraso y' abantu, ariho umuvumo, "Nimusenga amasengesho yanyu sinzayumva ibiganza byanyu byuzuyeho amaraso. Yesaya 1: 15. ***Rengera ubuzima vol. II. p.31,32.***

"Abantu benshi bavuga ko umugore utwite agomba guhabwa ikintu cyose atwariye cyaba icyiza cyangwa se icyonona umubiri. Iyo ni inarna y'ibinyoma. Umubyeyi akwiriye guhabwa ibyo ubuzima bwe bukeneye. » ***Rengera ubuzima, vol. II p.46.***

"Iyo iby'Imana ishaka bibereye umuntu umutwaro, imibereho ye ntiba ari iya kristo. Niba ubona ko ibyo wizera bidahuje n'ibyo wigishwa, ntugasobanure ukuri ubogamiye ku byo wizera ahubwo wemere umucyo nk'uko uwuhawe." ***Imigani ya Kristo, vol.I p.41,48.***

Abantu bamwe iyo bagezweho n'ubutumwa buvuga ku Myambarire c yangwa ku mirire, b ahita bavuga ngo : ibyo si ngombwa, icy'ingenzi ni umutima. Koko icy'ingenzi ni umutima; ariko wibuke ko ibyuzuye umutima aribyo bisesekara inyuma. Ni ibyo ugaragaje rero, reka bagufashe wihane. Ubundi kandi abantu bareba inyuma ntibareba mu mutima; kandi mugenzi wawe ni umurinzi wawe, ashinzwe kugufasha, kuko atabikoze yazabibazwa.

"Abayobozi bakomeye muri iki gihe bashima cyane ababibye imbuto z'ukuri mu myaka amagana ishize; nyamara se muri iki gihe ntihariho benshi badindiza uko kuri, bakanga ko gukura ngo gusagambe ! Nk'uko byari mu bihe bya kera, ubutumwa bukwiranye n'igihe tugezemo ntibuboneka mu nzego nkuru z'idini, ahubwo bwamamazwa n'abaciye bugufi bumvira Imana." ***Imigani ya Kristo, vol. I. p.34***.

"Nutagirira ibihamya icyizere tuzava mu kuri kwa Bibiliya. Yeremiya ati : nimusange amategeko y'Imana n'ibiyihamya, Neretswe yuko kutizera ibihamya biburira, ari ugukingiranira umucyo kure y'ubwoko bw'Imana." ***Inama rigirwa itorero, vol. I pp.128,129.***

"Niba ababwiwe iyi miburo ikomeye bavuze bati : izi ni inama za mushiki wacu Elina white atanga ku giti cye, nzakomeza gukora ibyo mbona ko ari byiza; baba berekanye ko bahinyura inama y'Imana; kandi Umwuka w' Imana yanyeretse ko amaherezo ari ukurimbuka, None rero bene Data ndabinginga ngo mwe kujya hagati yanjye n' abantu ngo mubabuze umucyo Imana yashatse ko bahabwa. Ntimukwiriye kunegura ibihamya mubyambura imbaraga n'ububasha bifite." ***Inama zigirwa itorero vol. I . p. 131.***

"Uw 'Imana yumva amagambo y'Imana, ariko abatazumva ni uko atari abImana." Yohana 8:47.

"Ibihamya bicyaha ibyaha byawe. Rwose ntuzigere uhitamo kutumvira ibihamya ngo unezezwe no gukora ibyo kamere yawe yifuza cyangwa ngo utangire gushidikanya wibaza niba ibihamya bikomoka ku Mana. Ujye wibuka ko kutizera kwawe kutagira icyo guhindura ku kuri kw'ibihamya. Niba ibihamya bikomoka ku Mana, nta kizabikoma mu nkokora. Abantu bagerageza gutuma ubwoko bw'Imana bureka kwiringira ibihamya, bararwanya Imana, baratuka Imana yavuganye na twe ikoreshaje ibihamya." ***Ibahamya by'itorero vol.IV.pp. 234,235.*** **Gutegeka kwa kabiri 6:24,25.**

*** *** ***

*INTEGUZA YA KRISTO*
*Tel. 08612295*
*B.P.4096. Kigali*
e-mail : integuza@yahoo.fr